



“Iyo tubona mubyiruka neza bidutera ishema”

Paji 5



Umuzamu wa telefone yawe 📵



Tangira Ubucuruzi none witegereza ejo 📵



Umupira w'amaguru mu Rwanda 📵

Tangira ubushabitsi (business) none, witegereza ejo.



Gutangira business cyangwa ubucuruzi, abantu benshi bazi ko bisaba igishoro, iyo ubajije abantu impamvu batihangira imirimo bagusubiza ko nta gishoro. Dore ibintu 5 ugomba kubanza kwitaho mbere y'uko utangira:

1. Igitekerezo

Keretse niba ugiye gukora ubundi bucuruzi butigeze bubaho mbere (kuvumbura) wenda, naho ubundi ubucuruzi ushaka gukora hari abandi bantu nabo basanzwe babukora, aho nta kibazo kirimo singombwa ngo ukore ikintu kitigeze gikorwa n'undi wese. Business nyinshi zikomeye ku isi ntabwo ibyo bakora byatangiye ari ibitekerezo byabo bwite

ahubwo bafashe ibyo abandi bakora, babikora mu bundi buryo.

2. Ni iki gishya uzanye

Nk'uko twabivuze hejuru ibyo ugiye gukora si wowe ubikora gusa, rero ni iki kizatuma umukiriya aha aho yari ari, aho yaguriraga akaza iwawe? Kandi ibi ntibisaba ngo ugabanye igiciro gusa, n'akantu gato wabwiye umukiriya gashobora gutuma agaruka.

3. Kwamamaza

Maze kujya mu mishinga myinshi yo gukora ubucuruzi, myinshi muriyo ntiyakunze. Byatewe no gushidikanya, kutamaramaza, gucibwa intege n'abandi.

4. Ntuzanemo ubushuti n'ikimenyane

Nuzana umuntu muri business yawe kuko umuzi ari inshuti, mufite

icyo mupfana cyangwa se ko umuzi gusa, uzaba uri hafi guhomba. Njya mbwira abantu nti niba ufite umuvandimwe ukeneye akazi, shaka umuntu uzi kugakora, wenda kuri ya nyungu ubona umufashishirize ku ruhande kuko numuzana mu byawe bizahomba byose noneho mwembi musigare musaba. Igihe cyonyine wakoresha inshuti ni igihe udafite ubushobozi bwo guhamba ubishoboye.

5. Ubunyangamugayo

Ubunyangamugayo ndabuhuza cyane n'amategeko n'amabwiriza. Ugomba kuba witeguye gukurikiza amategeko n'amabwiriza yaba aya Leta cyangwa se ay'ubucuruzi. Iyo uzanyemo amanyanga wunguka cyane ariko n'amahirwe yo guhagarara aba ari kwiyongera (risk). Aha ntitwahava tutavuze ku misoro, mu minsi yashize mwumvise Rwanda Revenue Authority ifungira ubucuruzi bwinshi kandi bukomeye kubera imisoro. Niba hari ikintu utagomba gukina nacyo mu bucuruzi ni amategeko n'amabwiriza.

Ntutinye Kugerageza

N'ubwo twavuze ibi byose, ntuzatinye kugerageza. Ntabwo byose byakorekera rimwe, urakora ugatsindwa, ukongera, amakosa ukayamenya, ukiga, ukongera bityo bityo kugeza ubimenya. Amakosa arigisha.

Inkuru dukeshya : tumenye.com
Pascal Habababyeyi



Umwaka mushya muhire wa 2016...

Abana bitwara gute mu bihe nk'ibi by'ibiruhuko.



Bimaze kumenyerwa ko ukwezi kwa 11 gusanga abana mu biruhuko bikuru. Ariko se ubundi ibiruhuko bikuru n'iki? Ese n'iki abari mu biruhuko bagomba gukora n'ibyo baziririjwe gukora? Ese hari inama waha ababyeyi n'abana bari mu biruhuko ngibyo ibyo tugiye kwibandaho. Ubusanzwe ibihe by'ibiruhuko n'ibihe abanyeshuli baba bari mu kiruhuko bari mu muryango yabo,

akenshi usanga ababyeyi bibaza uko bazabana n'abana baje mu biruhuko, hari abirukana abakozi bibwira ko abana bari mu biruhuko bazakora akazi, har'abana bumva ko ari umwanya wo kuryama no kureba filimi, izo gahunda zose zitumvikanyweho nizo zikurura amakimbirana hagati y'abana n'ababyeyi muri ibyo bihe.

Ese ubundi tugomba kwitwara gute mu biruhuko?

Ubusanzwe umwana uri mu biruhuko agomba kugira gahunda kandi akazumvikanaho n'ababyeyi be cyangwa

abamurera gusa na none si umwanya mwiza wo gushakirwa andi masomo yisumbuyeho nk'uko ababyeyi benshi bajya bakunda kubikora, umwana uri mu biruhuko agomba gufashwa kuruhuka ahabwa umwanya wo kwidagadura n'abandi bana ndetse byanaba byiza akaba yanashakirwa aho kwidagadura hashobora nko mu bigo by'uruburyiruko n'ahandi ariko

birumvikana akanafasha abandi bana n'ababyeyi mu mirimo yabo.

Ubwanditsi



UBUMENYI N'IKORANABUHANGA

Shyira Umuzamu muri telefone yawe

Uburyo wayikoreshamo Muri yi nkuru turakoresha Telephone ariko ubu buryo bushobora gukora ku Machine/Tablet/Telephone (Android/Ios) icya mbere ubanza gukora ni ugukora download yayo kuri Google Play wanditsemo ijamba Prey, Nyuma yaho ugahita iyi install muri telephone cyangwa ikindi gikoresho ushaka kurinda. Account (konti) ufungura kuri iyi Application ya Prey ikwemerera kuba wagenzura ibikoresho (telephone) bitatu icyarimwe. Prey nimara kwinjira muri telephone yawe baragusaba ko wakwinjira muri account (konti) yawe, niba udafite account (konti) baragusaba kujya ku rubuga rwabo (www.preyproject.com) maze ufungure account (konti). kuri iyo website ukande ahanditse Devices kuruhande rwo hejuru ibumoso kuriyo page urahita ubona neza urutonde rwama Devices iyo Application ya Prey ishobora kukuririndira umutekano wayo. Ushobora guhitamo uburyo bwo kurinda cyangwa guhabwa amakuru kuri Devices (telephone) yawe ushaka gukoresha. Niba ushaka kurinda Laptop uzahabona uburyo bwinyongera nko gufata (capturing) amafoto buri kanya aturutse kuri webcam no kubona amakuru buri kanya yuko ibintu (files and folders) bimeze kuri monitor ya

mudasobwa yawe. Igihe Device (telephone) yawe yatakaye cyangwa yibwe, ushobora gutangira gukoresha uburyo bwose uhabwa na Prey nko kohereza ubutumwa (SMS) – aha ni nko kuri telephone waba ushaka. Cyangwa ukaba wajya kuri website ya Prey ukajya muri account (konti) yawe ugakanda ahanditse "MISSING" maze ugakanda kuba buto kicyatsi (green button). Uzajya wakira amakuru buri kanya akwereka aho Device yawe iherereye (location) nandi makuru yose yingenzi. buri kanya email iroherezwa igihe watanze amakuru ko Device (telephon) yawe yabuze, ibi ninkuburyo bwo kumenyesha uwaba ayifite ko arimo kubonwa. Ariko

ibi ushobora kubihagarika unyuze muri settings za Account (konti) yawe.



Nzitunga R. Desire

Bumwe mu buryo bwo kurinda umubiri wawe imyanda.

Umubiri w'umuntu ufite imikoranire ya hafi n'ubwonko, ibi bisobanura ko umubiri udakora neza byakuviramo no kugira ibibazo mu mitekerereze (Ubwonko), Bumwe rero mu buryo bwo kurinda umubiri wawe ni ukuwurinda imyanda. Iyo amaraso arimo imyanda, umubiri ufite uburyo bwinshi bwo kuyisohora, ubuzwi cyane ni uburi karemano aho umubiri wifashisha impyiko mu kuyungurura imyanda yo mu mubiri ndetse n'ibiwufitiye akamaro. Hari rero ibiribwa bifasha impiko n'umubiri mu kugabanya imyanda iba yageze mu mubiri, 5 muri byo dukesha urubuga umenye.com yabateguriye ni :



Tumenye.com

Ibitunguru

Ibitunguru akenshi ubibona kuri salade. Ibi rero bifiteyo akamaro kanini umubiri kuko bifasha mu kugabanya imyanda mu mubiri,



Indimu

Indimu ni kimwe mu bintu bifasha umubiri kugabanya ibinure ndetse no gukura imyanda mu mubiri. Izi zifitemo vitamine C kandi zikaba zifasha igifu mu gutanganya ibiribwa uba wafashe.



Amazi

Twabivuze hejuru ko impyiko arizo zifite inshingano mu mubiri zo gutandukanya no gusohora imyanda, Amazi rero afasha impyiko cyane mu gukora akazi kazo.



Amashu

Usibye kuba iki kimera gifasha mu gusukura impyiko z'umuntu arizo zitunganya imyanda, amashu kandi agufasha kongera ubushake bwo kujya mu bwihereho, nk'uko tubizi twese ibi bifasha mu gusohora imyanda.

Icyayi cy'icyatsi (Green tea



cyangwa The Vert)

Iki cyayi cy'icyatsi abenshi twita Green Tea cyangwa The Vert mu ndimi z'amahanga gifite akamaro kanini kuko gifasha mu gutuma impyiko ziyongera ubushobozi.

Icyo twasozwa tuvuga ni uko kugirango imyanda igabanuke mu mubiri hari ibyo ugomba kwirinda harimo:

- Kwirinda inzoga
- Kwirinda ibirimo ikawa
- Kwirinda ibiryohera (bonbon, shokola,...)

Kurya byinshi, kuko ibi binaniza umubiri ntubone uko uhitamo imyanda n'ibitari imyanda.

Sibomana Steve

INGANZO N'ABAHANZI

Ubwitonzi karemano bw'abakobwa/abagore bubaha amahirwe yo kuryoshya inganzo



Kimwe mu bihangano bya Jemima

KAKIZI Jemima, ni umwali w'imyaka 22 atuye i Nyarugenge mu Murenge wa Nyamirambo mu Kagali ka Mumena, avuga ko yatangiye gukora uyu mwuga

w'ubugeni mu ntangiriro z'umwaka wa 2011 ariko akaba ngo yarakundaga ibijyanye n'ubugeni kuva mu buto bwe. Kuva icyo gihe abantu benshi ngo bakomezaga kumubwira ko afite impano yo kuba umunyabugeni.

Ahereye ku kuba ubugeni ngo ari umurimo usaba ubwitonzi n'ubushishozi, Jemima avuga ko ari umwuga ushobora kuba ubereye abakobwa ahanini ngo

bitewe no kwitwararika ndetse n'ubwitonzi abakobwa benshi bagira.

Ati **“Abakobwa tugira ubwitonzi bigatuma dukora neza imirimo yacu, ubugeni rero ni umwuga utubereye kuko usaba ubwitonzi ndetse no kuba umuntu ari posee(atuje).”**

Inkuru dukesha urubuga : <http://www.cosmosrwanda.com>

EJO HACU

Iyo tubona mubyiruka neza bidutera ishema

Ku inshuro ya kane inkera y'imihigo (Youth Connekt) imaze kubera amahirwe adasanzwe urubyiruko rutari ruke, ni umwanya urubyiruko ruhurimo rugahigura, rukanahiga, rugarira n'abayobozi bakuru b'igihugu, ni n'umwanya urubyiruko rw'u Rwanda ruhuriramo rugafata ingamba ngari bagamije kugaragaza umusanzu wabo mu iterambere rirambye ry'igihugu.

Nta numwe ugishidikanya ko urubyiruko ari mizero y'ejo hazaza h'igihugu, akaba ariyo mpamvu igihugu cyahisemo gukomera no kubaha imbaraga.

Buri mwaka inkera y'imihigo ihabwa isanganyamatsiko zitandukanye uyu mwaka ikaba yarahawe intero igira iti : **“Guhitamo kwacu, agaciro kacu”** iyi nsanganyatsiko ikubiyemo byinshi nkuko umuyobozi w'umuji wa Kigali Fidele Ndayisaba yabigararaza ubwo

yahaga ikaze urubyiruko rwitabiriyemurako inkera y'imihigo ati : **“Iyo mubyiruka neza bidutera ishema.”**

Uko imyaka ishira gahunda y'inkera y'imihigo igenda igaragamo udushya twinshi, uyu mwaka urubyiruko rukaba rwaranahawe ibiganiro binyuranye n'inzobere zitandukanye bigamije gukomeza guha urubyiruko amahirwe yo kwigaragaraza no gufata umwanya munini mu iterambere ry'igihugu.

Urubyiruko rwanasobanuriwe politiki nshya igenga urubyiruko igaragamo ko imyaka y'urubyiruko yavuye hagati ya 18 na 35

rukaba hagati y'imyaka 16 na 30, ibyo rero birumvikana ko byatumye umubare w'urubyiruko mu Rwanda wagabanutse. Tukaba tuzakomeza kubisobanurirwa muri gahunda zitandukanye nk'uko twabyijejwe na minisiteri ibishinzwe.

Bimaze kumenyerwa kandi ko iyi gahunda ya youth connekt ihurirana n'inama y'igihugu y'umushyikirano aho biba biteganyijwe ko urubyiruko rutangamo ibitekerezo.

Inkuru : Omar Tony N.



Urubyiruko rukurikirana inama y'umushyikirano

Tumenye igitera ubutayu n'ingaruka zabwo.



Kubura kw'amazi mu butaka niyo ntangiriro y'ubutayu.

Ubutayu ni ahantu ubutaka bwagiye butakaza bimwe mu bibugize by'ingenzi bitandukanye bitanga ubushobozi butuma ubutaka bumeraho ibimera, ibyatsi, ibiti ndetse n'ibinyabuzima bimwe na bimwe bikabasha kububamo. amazi n'inkingi ikomeye mu kubaho k'ubutaka kuko kubura kw'amazi ariyo ntangiriro yo kubaho

k'ubutayu. Ubutayu bushobora kuba karemano by'igihe kirekire bushobora guterwa n'imihinda-gurikire y'ibihe, cyangwa bugaterwa n'ibikorwa bya muntu bikorewe mu butaka ku buryo budakwiye. Ubutaka bwabuze amazi ibiti ibyatsi n'ibindi bihingwa biburiho birangirika, ibinyabuzima biba mu butaka bigapfa, ubutaka bugatangira gutakaza ireme ryabwo ndetse bugatangira no gutwarwa n'isuri.

Isi dutuye ihangayikishijwe n'ahantu hatandukanye ubutaka bugenda butakaza ireme bitewe cyane cyane n'ubushyuhe bukabije bw'umubumbe, ihindagurika ry'ibihe, kwangirika kw'ibidukikije n'ibindi bikomoka mu bikorwa by'ikiremwa muntu Twavuga nk'inganda, gutema amashyamba n'ibindi bitandukanye. Ubutayu ni ikibazo gikomeye

ku bidukikije muri rusange kuko aho buri bigoranye kuba wahabona ikinyabuzima icyo ari cyo cyose harimo n'umuntu.

Kugeza ubu mu gihugu cy'u Rwanda ntaho turagerwaho n'ubutayu kuko tubasha guha agaciro no gufata neza ibidukikije dufite. Ikigo gishinzwe kubungabunga ibidukikije mu Rwanda REMA mu bikorwa byacyo bya buri muni gihora gikangurira abanyarwanda kugira ubufatanye kandi bagaharanira gufata neza ibidukikije cyane cyane bafata neza ubutaka batuyemo, bahingamo ndetse n'ubundi bukorerwaho ibikorwa bitandukanye kandi bagaharanira kurwanya inkomoko iyo ariyo yose yo guhinduka k'ubutaka bw'u Rwanda buba ubutayu.

Inkuru dukesha

<http://environews.rw/>

Twateguriwe na K. Jeannette

IJAMBO RY'UBWENGE

- Twebwe, Abanyarwanda, twiteguye kurinda ibyo twahisemo n'ibyo twakoze, ibyinshi bidasanze, byatumye igihugu cyacu kizuka, kikagarura ubuzima.
- Tuzahora dushaka kuba hamwe. Tuzahora twese tubazwa ibitureba, ibyo dushinzwe mbere na mbere. Ntituzigera tureka kureba kure
- Gukorera u Rwanda ni amahirwe kandi ni inshingano.
- Nta muntu ubaho igihe cyose. ariko inzego, indangagaciro, n'iterambere byo bihoraho; ntiwavuga ngo igihe cyabyo cyarangiyeye.
- N'ubwo abanyarwanda tumaze kugera kuri byinshi, ntituragera aho twifuzaga.
- Ntidukangwa n'amateka, ahubwo dukomeza dufite ikizere cy'ejo hazaza.
- icyari ubwoba abanyarwanda bamaze kugihindura ikizere.
- Ntituri igihugu gishimishwa n'ibintu uko biri, nta n'ubwo turi abantu bashimishwa gusa n'aho bageze.
- Ikerekezo 2020 cyari icyo gukora ibyari bikenewe kugira ngo dushobore kubaho, kandi twisubize agaciro. Ariko ikerekezo 2050 kigomba kuba icyo kwihitiramo ejo hazaza, kuko ubu tubishoboye kandi ni byo dukwiye.
- Dushishikajwe n'ejo heza hazaza, kandi dufite imbaraga, kuko akazi gakomeye kakiri imbere.

Izo zari interuro zimwe na zimwe zikubiye mu ijamba rigaragaza uko igihugu gihagaze, Umukuru w'igihugu Paul Kagame yagejeje kubari bitabiriye inama y'igihugu y'umushyikirano ya 13 yabereye muri camp Kigali. kuva 21-22/12/2015. Inkuru dukesha urubuga : <http://www.umushyikirano.gov.rw>

IDINI RY'UKURI INZIRA Y'UBUMWE BWACU

Ubusanzwe, amadini
yagombye gutuma
abantu bunga
ubumwe. Ariko akenshi
yagiye aba intandaro
y'amakimbirane n'urwikekwe.
Abaturage barenga bitatu bya

kane by'abatuye isi baba mu
bihugu bidaha amadini
ubwisanzure. Ibyo biterwa
n'ingamba leta iyafatira cyangwa
imyirane hagati y'abanyamadini.
Mu myaka itanu ishize, umubare
w'ibihugu byagiye bihohotera

amadini afite
abayoboke
bake wikubye
hafi kabiri.

**Desire
KAVUTSE**

**IMIKINO****AMAVU N'AMAVUKO Y'UMUPIRA W'AMAGURU MU RWANDA**

baga i Kabgayi niwe weretse
abanyarwanda bwa mbere uko
bawukina.

Mu banyarwanda bambere
bakojeje ikirenge kuri ruhago
twavuga nka Nshozamihigo
umuhungu w'umwami Rwabugiri
binemezwa ko ariwe
munyarwanda wa mbere
wateye igitego mu izamu mu
myitozo hagati y'abakinnyi bari i
Kabgayi.

Abandi twavugamo uwitwa
Maboneza Frederiko wakinaga mu
ikipe y'Amagaju kwa shefu
Rutaremara Rwugubugi rwa
Ngenzi w'i Kibeho n'abandi.

Amakipe yambere mu Rwanda

akaba amenshi yari ashingiyeye
ku mitwe y'ingabo cyangwa se
abataramiraga kuba shefu.

Aha twavugaga nka Amagaju yo kwa
shefu Rutaremara, Amaregure
y'umwami Mutara III Rudahigwa,
Amasata yo kwa shefu Nkuranga
ku Gasoro na Mutende n'andi.

Amakipe yandi yakurikiyeho yabaga
ari ay'ibigo by'aba misiyoneri
gatolika nk'ingabo nziza i Kabgayi
kwa padiri Shumaceri.

Buri kipe yabaga ifite n'indirimbo yayo
ya morali abakinnyi baririmbaga
mbere yo gukina na nyuma.

Inkuru dukesha www.ruhagoyacu.com

Steve S.

Ntawuzi uzi neza umunsi umupira
w'amaguru wagereye mu Rwanda.
Gusa imipira ya mbere yo gukina
yageze mu Rwanda mu ntango
z'ikinyejana cya 20 izanywe
n'abamisiyoneri b'abadage
bayishyikiriza umwami Yuhi
Musinga. Ubwo hari hagati ya 1896
na 1931.

Amateka atubwira ko umupadiri
w'umudage bitaga Shumaceri wa-


TWISEKERE

Umugabo yabonye umusazi
atoraguye inoti ya bitanu

ati" mpa indangamuntu
yanjye utoraguye."
Umusazi ati niba ari iyawe
ufite imyaka ingahe? Undi
ati " Mfite imyaka 5000"
Umusazi ati witwa nde?"
Nawe ati"Banki Nasiyonali
y'u Rwanda"Umusazi ati
ifoto yawe isa ite? Ati nsa
nk'ingagi iri imbere
y'agaseke. Umusazi ati
niwowe koko akira ariko
niwongera kuyata
uzambona

Mu gitondo isake y'iwacu
yaramutse imoka, maze
imbwa duturanye
irayitonganya ngo iyivugiye
ururimi. Rusake
iti"Nushaka wige kubika
kuko ururimi rumwe
rudahagije muri ibi bihe,
ntuzi ko turi muri East
Africa Community? Maze
ubu ndikwiga guhebeba
nimbimenya nabire!"

Ramadhan Hakizimana



**Nizere ko iri joro
ari njye nawe**

Sheri

wibuke ko
ibyo dukora
byose tutagomba
kwibagirwa
AGAKINGIRIZO

Rubyiruko n'ubwo uzi uburyohe bw'urukundo uramenye ko **KWIFATA**
Ariyo mahirwe yo kwivana mu ngaruka zo kwishora mu mibonano mpuzabitsina
idakingiye.

Reba Kure, ejo heza nawe hakuryohera